

Gutabaza Yesu mubyo dukeneye byihutirwa

Taliki ya 27 Werurwe 2020 kugeza 2 Mata 2020

“ Amahoro mu bihe by’icyorezo ” Byateguwe na Mark a. Finley

Imibare y’abafashwe na CORONA Virus iragenda yiyongera cyane, icyorezo kiyogozza isi kirihuta cyane nk’uko imirabyo yihuta. Ariko hariho n’ikindi cyorezo kihuta cyane ndetse kuruta Coronavirus. icyo cyorezo kimaze gufata Abantu benshi cyane kuruta abamaze gufatwa na coronavirus, ndetse kirakomeye cyane kuruta coronavirus ni ikintu kica cyane byihuse ‘ ubwoba, inkeke ,guhangayika biratwangiza ,birwanya umunezero wacu ndetse n’ibyiringiro bikayoyoka.

Ni buryo ki narwanya kwicuza n’umubabaro? Ni iki twakora ngo turwanye ubwoba bwatwangije? Cyangwa se ninde watubatura mu bumuga bw’ubwoba turwaye? Yesu yavuze neza iby’igihe cyacu muri Luka 21:26-28” Abantu bazagushwa igihumura n’ubwoba no kwibwira ibyenda kuba mu isi,kuko imbaraga zo mu ijuru zizanyeganyega, v27 Ubwo nibwo bazabona Umwana w’umuntu aje mu bicu ,afite imbaraga n’ubwiza bwinshi. V28 Nuko ibyo nibitangira kubaho,muzararame ,mwubure imitwe yanyu,kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora”

Nubwo twafatwa n’ubwoba cyangwe tugasabwa n’ibyiringiro byo biterwa naho duhanze amaso, Igihe uhanze amaso ku byorezo, Igihe uhanze amaso ku makuru mabi, ku byorezo no ku ndwara zatwaye intekerezo zawe niba ibyo aribyo wibanzeho ukabihangaamaso umutima wawe uzagwa ikinya wuzurwe n’ubwoba yesu yaravuze ati’Muzararame” Kuki? Kuko iyo duhanze amaso mu buturo bwo mu ijuru, tubona Yesu kandi tukabonera imbaraga mu masezerano Ye.

Muri Yesu tuhabona Ibyiringiro, muri Yesu tuhabona uburinzi, muri Yesu dutsinda ubwoba tukava mu rujijo maze imitima yacu igatekanira muri Yesu KRISTO udukunda iteka ryose, urukundo ruhoraho, rutarondoreka, rutangirika ,urukundo rutagira iherezo” Muri Kristo Yesu twarabatuwe dutsinda ubwoba. Mu bihe bimwe dushobora gufatwa n’ubwoba, ariko ntacyo buzadutwara kubera ko Twizera ko Imana yabutsinze.

Hano hari andi magambo adukomeza aboneka mu gitabo “ibimenyetso by’ibihe, October 9, 1901 ni ubusobanuro ku magambo ya Yesu muri Luka 21: 26 “Abantu bazagushwa igihumura n’ubwoba no kwibwira ibyenda kuba mu isi. Ariko abubahamana bazumva ijwi rye nk’uko ryumvikaniye mu muraba, rigira riti: Ni jye mwitinya”

Hano hari andi magambo aboneka mu gitabo cy’ivugabutumwa. P.65 Mu gusoza umurimo dushobora guhura n’ibirushya byinshi tutabasha kwivanamo, ariko ntidukwiye kwirengagiza imbaraga eshatu mvajuru zikora, Ikiganza cy’Uwiteka kiratuyoboye Kandi izasohozza imigambi yayo.

Ijambo ry’Imana riravuga ngo “Ntutinye cyangwa witinya” sintigeze mbara umubare w’inshuro Ijambo ubwoba rigaragara muri Bibiriya ariko umwanditsi umwe yavuze ko rigaragaramo inshuro 365. Ni nkuko wajya uvuga Ijambo rimwe buri muni bikazahwana n’umwaka wose Imana rero idusaba kuruhukira mu rukundo rwayo, tukizera mu buntu bwayo kandi tukanezererwa mu mbaraga zayo.

Rimwe mu masezerano y’Imana Yesaya atwongerera imbaraga atubwira amagambo y’Uwiteka agira ati:” Ntutinye kuko ndi kumwe nawe, ntukihebe kuko ndi Imana yawe, nzajya ngukomeza ni koko nzajya ngutabara kandi nzajya nkuramiza ukuboko kw’iburyo, ariko gukiranuka kwanjye” (Yesaya 41:10)

Kwizera kwacu kugomba gushingira ku masezerano y’Imana aboneka mu Ijambo ryayo Tugoma kurabagirana mu isi icuze umwijima. Iki cyorezo cya Corona virus cyagombye gutuma turushaho kugirana umushyikirano usesuye n’Imana, tugakomerera mu kwizera kandi tugasenga biruseho. Mu bihe bikomeye Dukwiriye kwizera Imana, tukemera Imana, niyo Iturinda, ni umwishingizi wacu, niyo idukomeza n’ibyiringiro byacu. Iki cyorezo gishobora kuba ijwi riduhamagarira kwihana,kugira ububyutse n’ivugurura , gishobora kuba Igihe kitwibutsa amasezerano kandi ko ahazaza hacu ari heza.

Ibyo twakwibaza mu mitima yacu: Muri iyi si yuzuye umuvurungano ni hehe twavana umutekano , ni hehe twakwerekeza kwizera kwacu?Mbese ni mu bumenyi bwa siyansi , cyangwa mu byo abahanga mu by’ubuzima Bavuga? Ni mu bashinzwe umutekano? Cyangwa mu bo dushyikirana nabo, Ni muri Kristo Yesu no mumasezerano aboneka mu Ijambo rye?Niba Yesu ariwe rufatiro rwo kwizera kwacu. Ni buryo ki bwihuse kandi bwibanda ku masengesho yacu ya buri muni abasha kuduhindura mu gihe nk’ikingiki?

Ingorane duhura nazo: Mbere yuko Yesu agaruka, Dukwiriye kubana n’Imana no kugira Ibyiringiro. Leka tubane n’Imana mu masengesho ya buri muni, izaduha amahoro,imbaraga mu kwizera kandi izatwuzuzwa mwuka wera, bityo tuzakorera Imana dushyizeho umwete, no mu bihe biruhije Leka tuzirikane amasezerano y’Imana 2 ingoma 7:14”maze Abantu banjye bitiriwe izina ryanjye nibicisha bugufi bagasenga, bagashaka mu maso hanjye,bagahindikira bakareka ingeso zabo mbi,nanjye nzumva ndi mu ijuru mbabarire igicumuro cyabo, mbakirize igihugu”

Luka 11:13” None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi,so wo mu ijuru nazarushaho rwose guha Umwuka wera abamumusabye?”

Zakariya 10:1”Ni musabe Uwiteka imvura mu gihe cy’itumba,muyisabe Uwiteka urema imirabyo,nawe azabavubira imvura y’umurindi umuntu wese azamumereza ubwatsi mu rwuri rwe.”

Mu gihe dusenga buri munsikugirango twuzuzwe mwuka wera no gusaba Imana ngo idukirize igihugu.

DORE IBYO TUZASENGERA UMUNSI KU WUNDI

Umunsi wa mbere: Ku wa gatandatu 27/03/2020

1. Gusengera Itorero ry’Imana ngo rishikame muri iki gihe icyorezo cya COVID-19 gihangayikishije isi yose. Musabire abanyamwuga bashinzwe Ubuzima, abaganga, abaforomo n’abandi bari gukora ibishoboka ngo bakize Ubuzima bw’abantu.
2. Dusabire abizera bacu cyane bari mu butariyani, mu bufaransa, muri Esipanye no mu budage nk’uko ari ahantu COVID-19 Yibasiye cyane mu Burayi.
3. Dusabire abizera n’abakozi bita ku buzima muri New York, hamwe mu turere twibasiwe muri Amerika.
4. Dusengere igihugu cyacu cy’u Rwanda, kuringango Imana ifashe Abayobozi bacyo, abaganga, abaforomo n’abandi bakozi bita ku by’ubuzima kugirango Imana ibabashishe kuvura abamaze gufatwa na COVID-19 NGO guhashya iki cyago kugirango gicike burundu.
5. Gusaba ko Coronavirus yahagarara niyongere gukwira ahantu hose kandi no Gusaba Imana yumve gutaka kw’abantu bayo kandi tuyisabe idukirize igihugu.

6. Gusaba ko muri iki gihe cy'icyorezo, Abakristo bamenye neza ko Yesu agiye kugaruka bidatinze ,binginge Imana ibahe imbaraga ya mwuka wera.

Umunsi wa Kabiri: ku isabato: 28 Werurwe 2020

“Mbasigiye amahoro, amahoro yanjye ndayabahaye.Icyakora simbaha nk’uko ab’isi batanga. Imitima yanyu ntihagarare kandi ntitinye” Yohana 14:27

“Umwanzi satani ntashobora na rimwe gufata ikiganza cy’umukristo wizera amasezerano y’Imana” (Review and Herald, Feb,3,1903).

1. Gusaba ko Ubwoba kwasimburwa n’amahoro, tugahagarara dushikamye muri iki gihe cy’icyorezo tukizera Imana yo igenzura byose.
2. Gusabira abahanganye na Coronavirus cyngwa ababuze ababo kubera iki cyorezo. Dusabe Imana iduhe Ibyiringiro kandi idukomeze muri iki gihe cy’umubabaro.
3. Gusengera abizera b’itorero muri Kenya, n’abo mu bihugu byo muri Africa yose bari ku rugamba kubera amasoko amwe yafunzwe.
4. Gusengera ababwiririsha butumwa ibitabo,ababwiriza,abarimu, abigisha ba Bibiriya n’abandi batakibasha kubwiriza ubutumwa dusabe Imana kugirango iduhe ubwenge mvajuru no kuduha igitekerezo cy’uburyo bushya bwo gukora umurimo we.
5. Gusabira amatorero yamaze gufungwa bitewe na virus. Gusabira abizera ngo bakomeze kuba “umwe mu kwizera” bakoresheje internet, bagahamya bakoresheje uburyo bw’ikoranabuhanga (terefone n’ibindi)

Umunsi wa mbere w'isabato, 29 Werurwe 2020

Mana,ndondora umenye umutima wanjye,mvugutira umenye ibyo ntekereza. V.24 urebe ko hari inzira y'ibibi indimo,unshorere mu nzira y'iteka ryose. (Zaburi 139:23,24).

Nta kintu Satani atinya cyane nk'abantu bava mu bibi,bagatanganya inzira zabo kugirango Imana icunshumurire Mwuka wera ku Itorero ryacitse integer. Buri kigeragezo, buri kintu cyose cyakurwanya, cyaza ku mugaragaro cyangwa mu ibanga cyamara Igihe kirekire” si kubw'amaboko kandi si kubw'Imbaraga ahubwo ni kubw'umwuka wanjye” niko Uwiteka nyiringabo avuga. (Zakariya 4:6) ubutumwa bwatoranijwe, vol.1.p.124 icyongereza.

1. Gusenga nk'uko Dawidi yasenze muri Zaburi 139 (soma iki gice cyose) asaba Imana ko niba hari ikintu kiri hagati yayo natwe, niba mwuka wera arondora, Sabakwatura ibyaha maze wikiranure n'Imana ndetse na bagenzi bawe.
2. Saba Imana iduhe kubaho imibereho yo kwizera, tudatinya n'ubwo twaba tugoswe n'ibihe biruhije.
3. Gusaba Imana ngo ifashe abataye imirimo yabo bakaba bibaza ibizabatunga ubutaha aho bizava mu gihe batakijya ku kazi bakoraga. Saba Imana ibashyigikire kandi ibashakire ibyo bakeneye bya buri munsi nk'uko Yasezeranye ko izabikora nk'uko tubisoma muri Yesaya 33:16” Uwo niweuzatura aharengeye yikingire igihome cyo ku rutare, azahabwa ibyo kurya bimumutunga n'amazi yo kunywa ntazayabura” Abafilipi 4:19”Kandi Imana yanjye izabamara ubukene bwanyu bwose,nk'uko ubutunzi bw'ubwiza bwayo buri muri Kristo Yesu”
4. Gusaba ko abagize Itorero ku isi yose basobanukirwa neza ko Itorero ry'abadventiste b'umunsi wa karindwi ariryo torero rivugwa mu buhanuzi,

rifite ubutumwa bwa gihanuzi ryahawe inshingano yo kuvuga ubutumwa iki kikaba ari Igihe cyo kurabagirana kugira ngo duheshe Imana icyubahiro.

5. Gusaba ko Abayobozi b'itorero bese ndetse n'abizera aho haherereye hose babone ko aka gahe bahawe ari agahe ko kugirana umushyikirano wimbitse na Kristo Yesu.

Umunsi wa Kane: ku wa kabiri w'isabato 30 Werurwe 2020

“Igiteye ubwoba cya nijoro ntikizagutinyisha, cyangwa umwambi ugenda ku manywa, cyangwa mugiga igendera mu mwijima, cyangwa kurimbura gutsemba ku manywa yihangu, v.7 abantu igihumbi bazagwa iruhande rwawe, Abantu inzovu bazagwa iburyo bwawe, ariko ntibizakugeraho. (Zaburi ya 91:5-7).

“Kwizera gukura cyane iyo guhanganye no gushidikanya n'ibikurwanya, muri ibi bigeragezo niho tuvana kwizera gukomeye kw'agaciro. (ibihamya, vol 3P.555).

1. Saba Imana isohoze amasezerano ari muri Zaburi 91 (yisome) saba Imana ishyire igihome gikingira abana bayo, ibatsindire icyago cya corona virus cyakwiriye isi yose.
2. Saba Imana kugirango iki gihe gikomeye isi igezemo gitume dusubiza amaso inyuma mu mateka y'itorero kandi saba Imana ifungure amaso y'abantu bayo babone ko kugaruka kwa Yesu kwegereje.
3. Gusabira Abantu batabasha gusohoka mu mazu batuyemo bo mu mijyi minini, kugirango babashe gukomeza kubaho n'uburyo bwo gushyikirana n'abandi (bakoresheje ikoranabuhanga) Dusengere abana bafungiranye.
4. Gusabira Abayobozi b'itorero ku isi kugirango Imana ibahe ubwenge mvajuru mu byemezo bifatwa muri ibi bihe bikomeye turimo.

5. Gusabira abagize guvernement n'abayobozi b'ibihugu bitandukanye ku isi ngo Imana ibungure ubwenge mvajuru muri ibi bikomeye.

Umunsi wa gatanu: Kuwa gatatu w'isabato 31 Werurwe 2020

“None se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi,so wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha mwuka wera abamumusabye” (Luka 11:13)

Isukwa rwa mwuka wera ku Itorero risa neza n'uko bizamera mu bihe bizaza, ariko ni umugisha ku Itorero gusukirwa mwuka wera mu gihe nk'iki, shaka mwuka wera, musabe mwizere tugomba kugira mwuka wera ijuru ryiteguye kudasukaho mwuka wera. The Review and Herald, March 19,1895.

1. Dusabire Abantu bamaze gusuzumwa COVID-19 Tubasabire ubwenge bwo gufata neza imiti bahabwa kugirango bakire.
2. Dusabire abagize Itorero ry'abadventiste b'umunsi wa karindwi kugirango bazirikane kandi bashyire mu bikorwa uburyo bwo kwitungira amagara mazima no Gukoresha uburyo karemano bwo kwongera ubwirinzi bw'umubiri nko Gukoresha imbuto, n'imboga, Gukoresha amazi ashushye n'akonje mu kwoga, no gukingura amadirishya kugirango Umwuka mwiza winjire mu nzu.
3. Gusengera Itorero uburyo twakwigisha neza Abantu uburyo buboneye bwo kwitungira amagara mazima.” Nk'intwaro y'ukuri kw'ijambo ry'Imana”
4. Gusaba Imana ngo iminsi tuzamara mu ngo ibe iyo kwiga Ijambo ry'Imana no gusenga no gusoma ibitabo no kureba videwo zatuma dukura mu by'umwuka.

5. Gusabira amatorero yose yo ku isi ngo ashobore gutegura gahunda zituma abizera bakomeza kuba umwe muri ibi bihe ingo ziri mu kato. N.B: Twakoresha ikoranabuhanga nka phone, watsapu....

Umunsi wa gatandatu: Kuwa kane w'isabato , 01 Mata 2020

“Jyeweho nzambaza Imana,Uwiteka azankiza v.18 nimugoroba no mu gitondo no ku manywa y'ihangu,nzajya niganyira niha,nawe azumva ijwi ryanjye. V19 yacunguriye Ubugingo bwanjye amahoro, kugirango batanyegera kuko abandwanyaga ari benshi” (Zaburi 55:17-18)

Mu gihe Itorero rizumva neza icyo ryahamagariwe , amasengesho avuye ku mutima kandi aboneye azazamuka ajya mu ijuru asaba mwuka wera kwerekana umurimo n'inshingano z'abana b'Imana kubyerekeranye no gukiza imitima” ubutumwa bwatoranijwe .P.116 umugabane wa mbere.

1. Dusabire ba sogokuru, ababyeyi n'abandi bantu bakuze kugira imbaraga n'amagara mazima muri ibi bihe bikomeye byugarije isi.
2. Dusabire abashinzwe iby'ubuzima,abaganga,abaforomo, n'abandi bakomeje gukora ibishoboka byose ngo bite kubantu benshi bagenda bafatwa na coronavirus. Dusabire Ubuzima bwabo n'uburinzi bwabo.
3. Dusabe ubutumwa bw'abamarayika batatu bukomeze kujya mbere mu buryo bufite imbaraga mu mpande zose z'isi aho umurimo wahagaze mu gihe duhanze amaso yacu mu ijuru.
4. Dusengere umurimo w'ibwirizabutumwa mu mijyi, dusenge kugirango imbuto zagiye zibibwamo zikomeze itange umusaruro w'abatahajuru.
5. Gusenga dusaba ubwenge, kwihangana n'ubuntu kugirango tubashe guhangana n'ingorane zitandukanye ziboneka mu buzima bwacu bwa buri

munsi kugirango Abantu bashyikirane, babe abahamya b'ibyho Imana yabakoreye mu mibereho yabo.

Umunsi wa karindwi: Ku wa gatanu w'isabato 2 Mata 2020.

“Unyambaze ku munsi w'amakuba no ku w'ibyago, nzagukiza nawe uzanshimisha”
(Zaburi ya 50:15)

“imibereho ya Yakobo ihamya imbaraga z'amasengesho dusenga iyo turi mu kaga.ubu niho twiga icyigisho cyo kwizera kudatezuka, kunesha gukomeye ntikuboneka mu mpano,amashuri, ubukungu cyangwa kugirirwa neza n'abantu. Kuboneka mu cyumba cyo kubonaniramo n'Imana, iyo kwizera nyakuri kandi gushengura kwisunze imbaraga ikomeye y'isumbabyose. Abazagundira amasezerano y'Imana bose nk'uko yakobo yabigenje,kandi bakagira ukuri no kwihangana nk'ibyho yari afite,bazanesha nk'uko yanesheje” Abakurambere n'abahanuzi P.95

1. Gusaba Imana ngo idufashe gukomeza kuyihanga amaso binyuze mu kwizera twizera tudashidikanya ahazaza hacu, Imana niyo mugenga wa byose, dusabe Imana ngo twizere Ijambo ryayo Nubwo twaba turi mu bihe by'umwijima utugose ndetse ducitse intege.
2. Gusabira Abayobozi b'itorero ngo Imana ibongerere ubwenge muri ibi bihe bikomeye Itorero rinyuramo ari nabyo byatumye inama y'inteko rusange yimurirwa 20-25 Gicurasi 2021 indiyapolisi.
3. Dusabe kugirango inama y'inteko rusange izaba 2021 izayoborwe na mwuka wera no gushyiraho gahunda zatuma Itorero rigera ku ntego zaryo.

4. Gusengera insanganyamatsiko y'inteko rusange 2021 ariyo" Yesu agiye kugaruka, nawe bigiremo uruhare" (Jesus is coming, get involved)"Gusaba ko Abakristo bose bo ku isi bahamagarira buri muntu kwitegura ku giti cye"
5. Gusaba mwuka wera ngo asukirwe abizera bagize Itorero ry'Imana ku isi yose aho baba bari hose, Gusaba ngo umurimo w'Imana urangire dutahe iwacu.